Prince William County
PUBLIC SCHOOLS
Providing A World-Class Education

KINYARWANDA
-RWANDA

Mubyeyi/Murezi:

Tunejejwe no kuba mwebwe n'umuryango wanyu muri bamwe mu bagize umuryango mugari wacu, aho ubu havugwa indimi zirenga ijana zitandukanye. Ishuri rya Prince William riharanira guha buri munyeshuri *uburezi bwo ku rwego mpuzamahanga.* Kubera ko gukorana n'umuryango ari ingirakamaro muri urwo rugendo, tunejejwe no kubohereza amakuru y'ingenzi yafasha umubyeyi n'umurezi gusobanukirwa no kugira uruhare mu burezi bw'umwana wabo.

Imfashanyigisho zose zo ku ishuri zitangwa mu cyongereza; ariko, dukomeza gusemura inyandiko n'amakuru by'ingenzi mu zindi ndimi zigera kuri esheshatu zisabwa cyane inaha—.

Abavuga indimi zitandukanye bashobora kugira amahirwe yo kubona amakuru y'ingenzi kandi avugururwa buri gihe yaba ari ku rubuga rw'ishuri rya Prince William—pwcs.edu—cyangwa ku mbuga bwite z'amashuri. Zose ziriho igikoresho cy'Isemuranyandiko kizwi cya Google, gitanga isemuranyandiko ritanoze mu ndimi zirenga 50. Isemuranyandiko rikorwa na mudasobwa ntabwo riba rikoze neza, ariko rishobora gutuma ubona amakuru y'ishuri afatika. Niba utabasha gukoresha mudasobwa uri mu rugo, ushobora gukoresha imwe mu zo mu isomero rusange.

Icy'ingenzi ni uko ishuri rishyiraho abasemuzi kugira ngo bafashe abantu bavuga indimi izo ari zo zose gusobanukirwa inyandiko zikubiyemo amakuru y'ingenzi ajyanye n'uburenganzira bw'abanyeshuri n'ababyeyi, inshingano zabo, ibyo bategerejweho, ibindi bibazo bijyanye no kwiga n'inyungu ndetse na serivisi abana bariboneramo. Abasemuzi bashobora kwifashishwa mu nama z'ababyeyi zijyanye n'ibi byavuzwe haruguru kugira ngo hakorwe ku buryo igitekerezo cya buri wese gitambuka kandi kikumvikana. Izi serivisi zihabwa imiryango nta kiguzi yatswe.

Koresha uburyo ubwo ari bwo bwose muri ubu igihe ukeneye ubufasha runaka.

- Kuri interineti—jya kuri translations.pwcs.edu
- Wowe ubwawe—sura ishuri umwana wawe yigaho. Ntabwo ari ko buri gihe haboneka umusemuzi uvuga ururimi rwawe. Ariko abakozi bazakoresha inyandiko y'itangazo kugira ngo bagufashe.

Ibyo ari byo byose, bazagusaba gutanga ibintu bikurikira:

- Izina ryawe n’izina ry’umwana wawe;
- Izina ry’ishuri umwana wawe yigaho, umwaka yigamo n'izina ry'umwarimu;
- Umuntu (izina rye cyangwa akazi akora) wifuza kuvugana na we n'icyo wifuza ko muganiraho; na
- Nomero ya telefoni n’igihe wabonekeraho bikoroheye.

Iyo umwana wawe atahanye ubutumwa bw’ishuri bugutumira mu nama, cyangwa wifuza kuganira n’umwarimu cyangwa undi muyobozi wo ku ishuri, wakoresha uburyo bwavuzwe haruguru maze ugasaba umusemuzi kugira ngo adufashe muri ibi biganiro by’ingirakamaro. Hari umuntu uza kugufasha vuba bishoboka.

Uruhare rwawe rushobora kudufasha gukora impinduka nziza mu burezi bw’umwana wawe, kandi twishimiye kugufasha ku buryo izi serivisi zose uzihabwa. Turizera ko iyi baruwa izagufasha kumenya neza umugambi ishuri rya Prince William rifitiye umwana wawe nawe ubwawe. Turizera neza ko dusangiye icyifuzo cy'uko buri mwana yahabwa uburezi buvuye ku ishuri ryo ku rwego mpuzamahanga.

Murakoze,

Dr. Steven Walts
Umuyobozi w’ishuri

*Nusura urubuga rwacu rwa pwcs.edu, uzashakishe umubumbe w’amabara menshi kugira ngo umenye ahari paji iriho amakuru yasobanuwe muri ubu butumwa.